AMABWIRIZA N° 001 YO KUWA 11/06/2002 YA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA AGENGA INDOREREZI MU BIKORWA BY'INKIKO-GACACA

AMABWIRIZA N° 001 YO KUWA 11/06/2002 YA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA AGENGA INDOREREZI MU BIKORWA BY'INKIKO-GACACA.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga,

Ashingiye ku Itegeko-Ngenga n° 23/2000 ryo kuwa 11/10/2000 rihindura kandi ryuzuza Itegeko ryo kuwa 23 Gashyantare 1963 rigenga Urukiko rw'Ikirenga, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3 ;

Amaze kubyumvikanaho na Biro y'Urukiko rw'Ikirenga mu nama yayo yo kuwa 03 Kamena 2002 ;

YEMEJE :

Umutwe wa mbere : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere:

Aya mabwiriza agenga indorerezi mu bikorwa by'Inkiko-Gacaca.

Ingingo ya 2:

Indorerezi ni umuntu wese wemerewe gukurikira imirimo y'Inkiko-Gacaca, nta ruhare afite mu mikorere, mu mitunganyirize, no mu byemezo bifatwa n'izo nkiko.

Umutwe wa II: IBYEREKEYE UKWEMERERWA KUBA INDOREREZI MU BIKORWA BY'INKIKO-GACACA

Ingingo ya 3:

Indorerezi zishobora guturuka :

- Mu miryango itegamiye kuri Leta ifite ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda byatanzwe hakurikijwe amategeko;
- Mu madini yemewe mu Rwanda;
- Muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ;
- Muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburengazira bw'Ikiremwamuntu;

- Mu Muryango w'Abibumbye n'amashami yawo, umuryango w'Ubumwe bw'Afurika no mu miryango y'uturere;
- Mu bahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda;
- Mu bantu ku giti cyabo bafite ibibaranga byemewe na Leta y'u Rwanda, kandi batagize uruhare mu itsembabwoko n'itsembatsemba.

Ingingo ya 4:

Uwifuza wese kuba indorerezi mu bikorwa by'Inkiko-Gacaca abanza kubyemererwa n'Umutwe ushinzwe Inkiko-Gacaca mu Rukiko rw'Ikirenga. Inyandiko isaba igomba kugaragaza aho usaba yifuza gukorera (Umujyi/Akarere, Intara/Umujyi wa Kigali cyangwa hose mu gihugu), icyo yifuza gukora; igaherekezwa na fotokopi y'ibimuranga n'ibiranga umwuga akora iyo ari umuntu ku giti cye. Iyo ari umuryango utegamiye kuri Leta , utanga fotokopi y'icyemezo kiwuha uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda. Iyo ari umunyamahanga, atanga fotokopi y'icyemezo kimuha uburenganzira bwo kuba mu Rwanda n'icyo kuhakorera.

Umuryango utegamiye kuri Leta wifuza kuba indorerezi mu bikorwa by'Inkiko-Gacaca , ubisaba ubinyujije ku rwego rwa Leta y'u Rwanda rufite mu nshingano zarwo ibikorwa uwo muryango usanzwe ukora.

Ingingo ya 5:

Mbere yo gutangira akazi, indorerezi mu bikorwa by'Inkiko-Gacaca igomba kugira icyemezo kiyemerera gukora gitangwa n'Umutwe ushinzwe Inkiko-Gacaca mu Rukiko rw'Ikirenga. Icyo cyemezo icyereka inyangamugayo n'abashinzwe umutekano igihe cyose ibisabwe.

Ingingo ya 6:

Uwemerewe kuba indorerezi mu bikorwa by'Inkiko-Gacaca agomba :
- Kurangwa n'imyitwarire myiza no kutabangamira imirimo y'Inkiko-Gacaca mu buryo ubwo aribwo bwose;
- Kumenya amategeko agenga Inkiko-Gacaca;
- Kutivanga mu mikorere y'Inkiko-Gacaca;
- Kwerekana icyubahiro ku muco nyarwanda n'abanyarwanda.
- Kudatera isahinda mu rukiko no kubahiriza imihango yose ihakorerwa.

Umutwe wa III : IBYEREKEYE IBYO INDOREREZI IGOMBA KUBAHIRIZA.

Ingingo ya 7:

Indorerezi ifite uburenganzira bwo:

- Gukurikirana ibikorwa by'inama rusange z'Inkiko-Gacaca;
- Gukurikirana iburanisha mu ruhame.

Iyo indorerezi yifuje kugira icyo isobanuza ibigira mu mwiherero kandi mu buryo budahurije hamwe abaturage.

Ingingo ya 8:

Indorerezi igomba gutanga raporo ishingiye kubyo yiboneye. Kopi y'iyo raporo iyishyikiriza Umutwe ushinzwe Inkiko-Gacaca mu Rukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 9:

Indorerezi ntiyemerewe kwakira impano y'umuntu uwo ariwe wese ufite uruhare cyangwa inyungu mu bikorwa by'Inkiko-Gacaca.

Ingingo ya 10:

Indorerezi ibujijwe gukora igikorwa cyatuma hakekwa ko ibogamiye cyangwa ishyigikiye umuburanyi mu rubanza.

Ingingo ya 11:

Indorerezi igomba kwirinda gutanga amabwiriza ku nyangamugayo z'Inkiko-Gacaca no ku bakozi ba Leta bakurikirana imirimo y'izo nkiko.

Ingingo ya 12:

Iyo umurimo w'Urukiko-Gacaca utangiye, nta ndorerezi yemerewe gufata amashusho n'amajwi by'inyangamugayo, by'ababuranyi n'iby'abandi bose bafite icyo bavuga mu rubanza. Icyakora, abakurikirana ibikorwa by'Inkiko-Gacaca baturuka mu nzego za Leta y'u Rwanda, iyo babyumvikanyeho n'Umutwe ushinzwe Inkiko-Gacaca mu Rukiko rw'Ikirenga ushobora kubibahera uburenganzira.

Umutwe wa IV: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 13:

Umutwe ushinzwe Inkiko-Gacaca mu Rukiko rw'Ikirenga ushobora kwambura indorerezi uburenganzira bwo kuba yo, iyo bigaragaye ko itacyujuje imwe mu mpamvu zashingiweho ibuhabwa, cyangwa ko itubahiriza ibikubiye muri aya mabwiriza .

Ingingo ya 14:

Iyo kuba indorerezi birangiye, uwari indorerezi ashyikiriza Umutwe ushinzwe Inkiko-Gacaca ibyangombwa yahawe bivugwa mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza.

Ingingo 15:

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Bikorewe i Kigali, kuwa 11/06/2002

Siméon RWAGASORE,

PAR DELEGATION;

Tharcisse KARUGARAMA
Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga
akaba na Perezida w'Ishami ry'ubuyobozi
bw'Inkiko.

(sé)